NYUNDO: ABAKATESHISTE BA PARUWASI YA KAVUMU N'ABA PARUWASI YA MUHORORO BIZIHIJE UMUNSI MUKURU WA BAZINA MUTAGATIFU

Muri Diyosezi ya Nyundo, abakateshiste ba buri Paruwasi, kimwe n'andi matsinda y'abakristu, bafite umutagatifu bisunze. Mu nama yahuje abakateshiste bahagarariye abandi ku rwego rwa Zone ya Gisenyi ku wa 18 na 19 Gashyantare 2019, inama yitabiriwe na ba Padiri Mukuru, hafashwe umwanzuro ko abakateshiste ba buri Paruwasi bazajya bahimbaza umunsi wa bazina mutagatifu ku cyumweru kegereye umunsi w'umutagatifu bisunze.

Uwo munsi uzajya uhimbazwa mu rwego rwo guha agaciro umukateshiste; ariko cyane cyane mu kumenyekanisha ubutumwa n'umwanya afite muri Kiliziya. Guhimbaza uwo munsi bijyana no kwibutsa abakristu bose ko ku bw'Amasakramentu y'Ibanze duhabwa, buri mukristu ahamagarirwa kwamamaza Yezu Kristu n'Inkuru Nziza yatugejejeho. Umunsi w'umukateshiste ni umunsi wo kuvuga ku bwigishwa n'agaciro kabwo. Ni muri urwo rwego abakateshiste ba Paruwasi ya Kavumu yaragijwe Umutima Utagira Inenge wa Bikira Mariya bahimbaje mutagatifu Athanase bisunze; naho abakateshiste ba Paruwasi ya Muhororo yaragijwe Umubyeyi w'Ububabare bagahimbaza mutagatifu Andreya Kaggwa bisunze.

Mu byishimo byinshi, ku wa 5 Gicurasi 2019, abakateshiste ba Paruwasi ya Kavumu bahimbaje mutagatifu Athanase bisunze. Ibyishimo babisangiye n'abafasha babo ndetse n'abo muryango wa Emaus.

Abakateshiste 24 bari kumwe n'abafasha babo n'inshuti zabo bahimbaje umunsi wa Mutagatifu Athanase. Birakwiye ko twese tumenya uyu mutagatifu ngo tumwigireho urukundo rwa Kiliziya tunamwiyambaze.

Mutagatifu Athanase ni umwe mu batagatifu b'imena bo ku mugabane w'Afrika. Mutagatifu Athanase yavukiye i Damanhour hafi y'umugi wa Alegisandiriya mu gihugu cya Misiri, hagati y'umwaka wa 296 n'uwa 298, yitabye Imana ku wa 2 Gicurasi 373 afite imyaka 75. Mu buto bwe, uwaje kuba mutagatifu Athanase, yatangajwe cyane n'ubutwari bw'abakristu batatinyaga kugaragaza ukwemera kwabo mu maso y'abarwanyaga Kiliziya. Athanase amaze kuba umusore yiyeguriye Imana ahabwa ubudiyakoni aba umufasha w'Umwepisikopi wa Alegisandiriya ndetse yanamuherekeje mu Nama Nkuru ya Kiliziya yabereye i Nise igaca uwitwa Ariyusi wakwirakwizaga inyigisho z'ibinyoma zavugaga ko Yezu atari Imana rwose. Iyo nama yahamije ko Yezu ari Imana rwose, ko Bikira Mariya yamubyaye ku bubasha bwa Roho Mutagatifu, ko ahwanyije kamere na Data. Athanase yabaye Umwepisikopi w'Alegisandiriya mu bihe bikomeye, mu gihe cy'imyaka 45. Abanzi ba Kiliziya baramurwanije baramujujubya bituma ahunga kenshi. Mu nyigisho ze, mutagatifu Athanase yarwanije abigishabinyoma, agarura abakristu bari barataye, yandika inyigisho nziza. Abanzi ba Kiliziya ba muteranije n'umwami bituma ahunga inshuro zirenga eshanu, ariko ntiyatezuka akomeza kwamamaza Inkuru Nziza ya Yezu Kristu. Athanase ni umwe mu bakurambere ba Kiliziya n'umwe mu barimu ba Kiliziya. Kubera inyigisho ze, Athanase ni umutagatifu ukunzwe n'abagatolika, Aborutodogisi (Orthodoxe), Abakobute (Copte) n'Abaporoso. Bamwe muri bo banamwita inkingi y'ukwemera n'Itara ry'Iburasirazuba.

Mutagatifu Athanase abakristu tumwigireho gukomera kuri Kristu twemeye, tumwigireho guhora dushakashaka Imana, duharanira kumenya ibya Kiliziya tube abahanga kandi tuyirwanire ishyaka haba mu byishimo cyanngwa se mu bitotezo. Dukomere ku isengesho n'ibikorwa by'urukundo. Nk'abakateshiste kimwe n'abiyemeje gukurikira Kristu no kumwamamaza ubuzima bwabo bwose,

ntitugacogore haba mu kwemera, haba mu kumwamamaza.

Abakateshiste ba **Paruwasi ya Muhororo** na bo bahimbaje **mutagatifu Andereya KAGGWA** bisunze. Hari ku cyumweru tariki ya 26 Gicurasi 2019, mu misa ya kabiri, ubwo abakateshiste 60 bari babukereye bari kumwe n'abafasha babo. Abakateshiste bahimbaje umunsi wabo mu byishimo bashimira Imana kandi bayiragiza bisunze Andereya Kaggwa. Mu bashyitsi bandi hari Padiri mukuru, Perezida wa komite nyobozi ya Paruwasi, abakateshiste 2 baturutse muri Paruwasi ya Rususa n'undi umwe waturutse muri Paruwasi ya Gatovu. Mu byashimishije abitabiriye ibirori harimo ko abakateshiste ubwabo ari bo baririmbye mu misa, bagasoma bakanahereza ndetse bagatanga n'ituro ryo gushimira Imana. Kubera ibyishimo byinshi, Padiri mukuru yanabemereye ko Korali yabo yandikwa ku rutonde rw'amakorali ya Paruwasi igahabwa iminsi izajya iririmbaho.

Abandi bavuze bose bashimiye Imana, bashimira Paruwasi ya Muhororo idahwema kwita ku bakateshiste. Bose bashimiye abakateshiste bakorana ubwitange nyamara nta gihembo.

Mutagatifu Andereya Kaggwa ni muntu ki? Mutagatifu Andereya Kaggwa abakateshiste ba Paruwasi ya Muhororo bisunze, ni umwe mu bahowe Imana bo mu gihugu cy'abaturanyi cya Uganda. Andereya Kaggwa yavutse mu 1856, abatizwa ku wa 30 Mata 1882 yicwa ku wa 26 Gicurasi 1886 nyuma y'imyaka ine gusa abatijwe. Yapfuye akiri muto afite imyaka 30 gusa y'amavuko. Andereya yavukaga mu gace k'u Bunyoro, akaba umutoni w'umwami w'u Buganda. Umwami yababajwe n'uko Andereya ari mu bo yatanze ngo yicwe; nta ko atagize ngo amukize ariko Kagwa aramunanira agira ati: "***Sinakwihakana Imana ngo unkize. Sinabona mfumbatishwa, ngo ngire ngo ndatunze. Ni ukwibeshya***

biragatsindwa". Umwami amaze gushoberwa yamurekeye umutware w'intebe Katikiro ngo amwice.

Kaggwa yagerageje kumvisha Katikiro ko abakristu ntakibi bakora, ko bisengera Imana. Undi ati "*Ishyano ni iryo. Ni kuki muta ibya ba sogokuru?*" Nuko ategeka ko bamuboha bakajya kumwica; bamugejeje mu ishyamba **bamuciye umutwe n'akaboko, umurambo barawutwika**.

Umuntu yakwibaza ati "***Mu by'ukuri, Andereya Kaggwa kimwe na bagenzi be bazize iki****?"* Aba basore bose (basaga 22) bari intore z'umwami, bari abatoni b'umwami w'u Buganda; bose baje guhinduka bemera Yezu Kristu n'Inkuru Nziza Abamisiyoneri bari babagejejeho, maze biyemeza kureka imico gakondo yo mu gihe cyabo itari ijyanye n'ubukristu. Ibyo ni ibyo umwami n'ibyegera bye babonyemo ishyano nk'uko Katikiro yabibwiye Andereya Kaggwa. Izi ntore z'umwami zimaze kuyoboka Kristu zamubonyemo umwami usumba abandi bami bose bo ku isi biyemeza kumwumvira bimazeyo, ariko bakomeza no kumvira umwami wabo w'u Buganda mu byiza byose ari cyo cyatumye umwami ababazwa n'urupfu rwa Andereya Kaggwa. Itegeko ryatanzwe ryo kwica abiyemeje kuba abakristu ryari rigamije mbere na mbere kubatesha ukwemera no kubagumisha kuri gakondo; nta kindi kibi cyashinjwaga intore uretse kuyoboka Imana gusa; naho ubundi uko barushagaho kumenya Imana no kuyiyoboka ni ko barushagaho gukunda igihugu cyabo n'abagituye bose uhereye ku mwami.

Mutagatifu Andereya Kaggwa atwigishe gukomera kuri Kristu n'Inkuru Nziza ye twakiriye tukayemera. Mutagatifu Andereya Kaggwa adufashe kurushaho kuzirikana ibyo isi idushukisha byose ngo iturangaze twibagirwe iby'ijuru bihebuje. Yezu yaravuze ati: "***Uzanyihakana, agahakana n'amagambo yanjye, uwo nguwo na we Umwana w'umuntu azamwihakana, igihe azazira mu ikuzo rye, n'irya Se, n'ry'abamalayika batagatifu***" (Lk 9, 26). Abakateshiste kimwe n'abakristu twese, twemeye Yezu Kristu n'amagambo ye atwereka icyo tugomba gukora tumukomereho, tumenye guha iby'isi umwanya wabyo. Twoye gutinya ibitotezo ngo dusubire mu mwijima twahozemo kera; twoye gushukishwa imyanya y'icyubahiro ya hano ku isi ituzanira amafaranga uko yangana kose, ariko ikatwibagiza gusenga Imana, kujya mu misa no gukora ibikorwa by'urukundo. Abategetsi b'isi tububahe, ariko nibadutegeka ibitubuza gukunda Imana kuruta

byose no gukunda mugenzi wacu uko bikwiye, tumenye kuvuga tuti "*Oya. Ibyo turabyanze, kuko Kristu aruta byose*".

Haba muri Paruwasi ya Kavumu, haba muri Paruwasi ya Muhororo, abakateshiste baboneyeho akanya ko kwicarana n'abasaseridoti bafite ubutumwa muri Paruwasi, abahagarariye komite zinyuranye za Paruwasi na Santarali ndetse n'abafasha babo baramenyana barasabana. Ibyo byiza byo guhimbaza bazina mutagatifu biduha no gusabana n'abashumba ba Kiliziya muri Paruwasi n'ubushyo buharagiriwe tubyifurije Paruwasi zose. Athanase na Andereya Kaggwa n'abandi batagatifu twisunze badusabire.

HAKIZIMANA Yohani w'Urukundo
Umukangurambaga wa Diyosezi ya Nyundo Ushinzwe Iyobokamana na Gatigisimu.